

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA KU ITARIKI  
YA 08/03/2024 SAA CYENDA N'IMINOTA MIRONGO ITATU N'ITANU Z'IJORO  
(03H35) IWE MU RUGO - (rue Juliette Wytsmans n° 4 - Bruxelles 1050).**

**YEZU KRISTU** : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi yombi, nje kukubwira ibijyanye n'igisibo watangiraga ku itariki ya cyenda y'ukwezi kwa gatatu buri mwaka.

**VALENTINE** : Karame Papa; ndi hano nteze amatwi yombi ngo umbwire icyo ushaka cyose kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

**YEZU KRISTU** : Iki gisibo na cyo ntabwo cyoroshye kuko hagomba kuboneka impongano.

Igisibo wakoraga cy'iminsi cumi n'ibiri utarya, utanywa, ubu nta cyo uzakora kuko uzagikora mu bundi buryo bukomeye kurushaho.

**VALENTINE** : Papa ko unteye ubwoba igisibo gikomeye kurusha icyo nakoraga cyo kutarya no kutanywa ni ikihe?

**YEZU KRISTU** : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, humura wigira ubwoba ndakubwira impamvu kuko ni cyo kinzanye. Ntega amatwi yombi ngusobanurire kandi ntunce mu ijamba, uranyumva neza?

**VALENTINE** : Yego Papa, ndakumva neza singuca mu ijamba.

**YEZU KRISTU** : Ejo ku itariki ya cyenda z'uku kwezi kwa gatatu ntabwo uzasiba kurya no kunywa nkuko wabikoraga mbere ukageza kuri makumyabiri z'uku kwezi; ukamara iminsi cumi n'ibiri.

Uzagikora mu bundi buryo bwo kubabara, guhongerera, kwitanga n'ibindi kugirango umfashe gukiza iyi si yuzuyeho amakuba .

Uzababara birenze uko wababaraga kugirango ukize isi yugarijwe n'amakuba menshi anyuranye.

Ugiye kubabarana n'ababyeyi bababayeye n'abana babo, abagabo, abasore n'inkumi, muri bino bihe bikomeye by'intambara z'urudaca ziri kwica ikiremamuntu kubera gukunda iby'isi n'urukundo ruke. Abantu bose bararebera gusa ariko ntibagire icyo bakora gikwiye.

Uti gute?

None se habuze iki koko ngo Kiriziya ihamagarire abakristu gusenga basaba amahoro ngo izi ntambara zigabanuke?

Ese abasenga bo babona uburemere bw'ibi bintu byugarije abana b'abantu batuye iy'isi, cyane cyane mu bihugu mukomokamo n'igihugu cyawe cy'u Rwanda?

Ibyo byose ni byo ugomba guhongerera mu mwanya w'abandi kugirango umfashe gukiza isi mwana wanjye nkunda.

Ndabizi ko bitoroshye, ariko ni bwo butumwa bwawe bwo kubabara ngo umfashe gukiza isi n'ab'isi.

Igihe wasibaga nibyo hari benshi wakizaga, ariko n'ubu bazakira kurushaho kuko na byo birimo mu bikubabaza.

Kubabara usabira Kiriziya;

Kubabara usabira abihayimana;

Kubabara usabira ingo, imiryango;

Kubabara usabira urubyiruko;

Kubabara usabira ibihugu n'abategetsi babyo, abakuru n'ababungirije;

Kubabara usabira abategekwa b'ingeri zose;

Kubabara wigisha urukundo, gusaba imbabazi no kubabarira, ubwiyunge bwa buri wese na bose.

Ni ukuri hagiye kuba umubabaro mwinshi ku bantu bose ku bakuru n'abato, inzara iteye ubwoba, amaraso ari kumeneka ziyongere mu mpande zose, indwara ziyongere.

Mbese abantu bose ntibabona ko bugarijwe; barahumye ni bantibindeba.

Ngibyho ibyo ugiye guhongerera mu mwanya w'abandi ubabara muri iyi minsi cumi n'ibiri (12) wamaraga usiba kurya no kunywa.

Kugira ngo ubone ko bikomeye mwana wanjye, ngiye kukujiyana buroho ahari kubera imirwano, guhohoterwa, n'aho ubwicanyi buri kubera hose nkwereke akababaro mfite nterwa n'intambara.

Izindi ntambara zimbabaza cyane cyane n'iziri mu mitima y'abantu kuko ni zo zikomeye.

Urabona ibyo bibondo, urabona urwo rubyiruko, urabona abo babyeyi, barazira iki ?

Urukundo ruke rw'ababategeka, gukunda iby'isi no gukunda kumena amaraso y'inzirakarengane mwana wanjye.

Umbabarire ndabona uhungabanye, ubabajwe n'ibyo nkweretse ariko nagirango nyine nawe ubabarane nabo kandi urusheho gusenga ubyibuka kuko ni cyo gisibo ugiye gukora guhera ejo kandi kizakomeza; ubabarane nabo kuko ugomba kumfasha gukiza isi.

Nguye kongera kugutuma ku bihayimana bose ngo bahamagarire abakristu gusenga bashyizeho umwete, bashengerera, batura ibitambo bya Misa kugira ngo isi ive mu mwijima.

Gusengana ubushishozi ngo Kiliziya idakomeza gucikamo ibice iy'abera n'abirabura kandi muri bamwe na yo ari mwe yubakiye kuri Roma ku ntebe nahaye Petero, kuko ni ho hari urufunguzo ariko sekibi iganjeyo itsindwe iveyo.

Ndagutuma ku bakristu ba Kristu n'abakristo, ngo bose basenge isengesho rivuye ku mutima rikubiye mu bikorwa no mu rukundo kandi baharanira ukuri no gushyira hamwe.

Ndagutuma ku basenga, abo musengana n'abandi bose:

Ngo mukomere ku rukundo, kwicisha bugufi, gusabana imbabazi no kubabarira, ubwiyunge no gushyira hamwe ntarwikekwe, nta nyungu, mbese nk'abavandimwe basangiye isano isumba iy'amaraso.

Mwe muvuga Rozari ntimucike intenge kuko ikiza benshi, ikiza byinshi, ikagabanya ubukana bw'umwanzi utera ibyago n'amakuba kw'isi no mu bantu.

Ntimubibona ariko njyewe ndabizi bana banjye. Nimuyivugane kwicisha bugufi mu rukundo, kubabarira no kubabarirana, kwiyunga musabana ntarwikekwe muri mwe, mudasebanya bamwe n'abandi.

Ndifuzaga ko muzakora umwihereho ku itariki ya 15-16-17/03/2024 nkabavura kandi nkabategura gutsinda umwanzi, mukajya musengana ingufu za Roho Mutagatifu, kuko isi yugarijwe na byinshi biyigwirira bana banjye. Muranyumva neza?

Baravugaga ngo uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo. Njyewe mbahaye urukundo rwa kibyeyi ngo na mwe mujye muruha abandi.

Ni ibyo nifuzaga kukubwira no kugutuma kuri abo bose nkubwiye.

None se mwana wa, mu byo nakubwiye byose harimo ibyo utasobanukiweho ngo umbaze ngusobanurire? Nguhaye akanya mbaza icyo ushaka.

**VALENTINE** : None se Papa, ko umbwiye ko ntazasiba, nzasiba mu bundi buryo, ni ubuhe?

Ko umbwiye ko nzababara cyane mpongerera kurushaho uko nababaraga, kuki utagenda ngo buri muntu umwumvisheho ko abantu batakongera gukosa ?

None ko unyeretse bariya bantu bose bari gupfa bazira akarengane, ko ushoboye byose kuki utabihosha byose intambara zigahagarara, abagiranabi ukabahana cyane bakarekeraho?

Bizarangira gute se biririya byose wanyeretse byanteye ubwoba n'agahinda? Nka bariya bantu bose bapfa, bapfuye n'abazapfa ejo n'ejobundi ?

Bizageza ryari? Bizarangira gute? Nakora iki se ngo bihagarare bareke kwicana?

**YEZU KRISTU** : Urakoze kumbaza ibi byose.

Dore icyo nagusubiza cyumvikana usobanukirwe neza.

Ikibazo ni abategetsu b'ibihugu bashaka ibya mirenge;

Ni abantu bose bakorera inyungu z'isi no gukunda iby'isi.

Kwerekana ko umukene atari umuntu, n'icyo ari cyo n'uwo ari we.

Kiriziya idahaguruka ngo yamagane ubwo bugizi bwa nabi bwo kwica inzirakarengane mu buryo bwose, mbese akarengane kose. Ibyo byose birambabaza cyane.

Twahaye ikiremwamuntu uburenganzira bwo guhitamo icyo ashaka ikibi n'icyiza, ariko usanga benshi bahitamo ikibi. Ni uburenganzira bwabo; bazabibazwa.

Kubihagarika rero nkuko ubinsabye kereka uwahagarika imitima y'abantu bamwe na bamwe kuko ni bo bahitamo ikibi bakizi kandi babigambiriye kubera ubugome, urukundo ruke, gukunda ibintu kenshi bitari ibyabo, bakabijyana ku ngufu kuko baba baranangiye imitima yabo. Ni yo mpamvu habaho ubuhemu nkaburiya no kugirira abandi nabi, ahanini ni yo mpamvu ibitera, mwana wanjye.

**VALENTINE** : Urakoze kunsobanurira Papa, buriya menye impamvu itera abantu ubugome n'umutima mubi n'urukundo ruke.

Niba nzababara hakagira igihinduka ndabyemeye ariko muzabimfashemo.

**YEZU KRISTU** : Mwana wanjye nkunda ni ibyo narinje kukubwira no kugutuma ibindi nzabikubwira ubutaha.

Ngiye kuguha umugisha maze ukomeze amasengesho yawe buracyeye.

Nguhaye umugisha ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abazasomerwa ubu butumwa .

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abazasoma ubu butumwa

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha Abihayimana bitangira abandi, bazatangira abandi mu gufasha, mu kuyobora, mu guhumuriza, bayoborana urukundo abahungabanye babaremamo ubumuntu bavukijwe.

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, Amina .

Mpaye umugisha abitanga bose basenga Rozari n’ayandi masengesho anyuranye.

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho komeza amasengesho yawe .

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

**VALENTINE:** Urakoze cyane Papa.

Uramukeho.

*Gufata amajwi no kwandukura ubutumwa:*

*Francoise BONDUELLE et Léoncie KANTAMAGE*

*Gusubiramo imyandikire:*

*Jean-Baptiste HATEGEKIMANA.*



**YEZU KRISTU ABONEKERA MW'IBANGA, MU GITARAMO CY'ISENGESHO  
RYABAYE KUWA KABIRI MU IJORO RYO KU ITARIKI YA 19/3/2024 RISHYIRA  
IYA 20/03/2024, SAHA CYENDA N'IMINOTA MIRONGO INE N'ITANU Z'IJORO I  
WE MU RUGO – (rue Juliette Wytsmans n° 4 - Bruxelles 1050).**

**VALENTINE :** (*ateye Indirimbo*) :

Yezu wemeye gupfa umeze nk'intabwa,  
Ibyo twari dukwiye ni Wowe rwahamye.  
Abo babisha bawe ntibagusoneye,  
Tweho turagukunda tugushimagiza.

Hi. Hi. (*arikirije ku cyo abwiwe*) Karame Papa.  
Ndi hano ngo umbwire icyo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe.

**YEZU KRISTU :** Bana banjye ndabaramukije. Mwakoze kuza.  
(*Abari aho bakomye amashyi*).

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mbifurije mwese, aho muri mwese, umunsi mwiza, umunsi mukuru mwiza  
wa Data Yozefu; n'abavutse kuri uwo munsi bose, ndawubifurije.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, mbanje kubabwira ko nshimishijwe ko impande zose aho muri  
mwese mwirengagije ibyo mwari murimo, imirimo yanyu n'ibindi byose mukaza kuri uyu  
munsi ngo tunganire.

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye mwagize amahirwe yo kumenya iyi tariki, kuko mwari gucikwa  
na byinshi, kubera ko n'ibyahise, mutumvise ngenda mbibasubiriramo.  
Ndabashimira Igitambo cya Misa mwatuye, kuko nanezerewe.  
Mwana wanjye, urakagira abakubyara (*Yezu asubiyemo kuko uwasemuraga yari  
yibeshye*). Mwana wanjye urakagira abakubyara.  
Urakagira abo ubyara.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye ndabakunda.  
Bana banjye ndabakunda.  
Bana banjye ndabakunda.  
Na Mama arabakunda.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*). Ubwo se, barakumvise?  
Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, nubwo nishimye, ndanababaye.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU: UMUTIMA WANJYE URATONYANGA AMARASO:**

Kubera ibibera kuri iyi si,  
Kubera urukundo ruke,  
Kubera inzangano,  
Kubera intambara,  
Kubera abapfa bazira akarengane.  
Mukanya bababwiraga ko mbatuyemo (*mu nyigisho ya padiri*).  
Ni ukuri.  
None se abo bapfa ko mbatuyemo, SI AMARASO YANJYE bamena ?  
Ibyishimo nabikura he, bana banjye?

Bana banjye, nongera kubasubiriramo mvuga nti:  
«Mbabazwa na Kiliziya, idahaguruka ngo ihamagarire abakristu gusenga no gukundana.  
Ivuge amasengesho ayivuye ku mutima yo gusaba kugira ngo ibyo byose bitsindwe kuko  
ari imyuka mibi, kuko umwanzi ari gukoresha abantu kwica abandi. »

Bana banjye iyo mbabwira ngo musabire Kiliziya, mbanzi icyo mvuga.  
Kiliziya ntabwo ari inzu, Kiliziya ni abihayimana, ni abakristu. Kiliziya icikamo ibice.

Igihe kiri imbere kirakomeye.  
Bana banjye, nimukundane, mubabarire, mubabarirane, musabe imbabazi.  
Nimwiyunge babwe n'abandi, mutarebye icyo muri cyo n'uko mumeze.  
Mwiha umwanzi icyuho.  
Nimube abavandimwe bukuri basangiye ISANO ISUMBA IY'AMARASO.  
Bana banjye, birababaje kumva abasenga namwe mucikamo ibice, kandi bose bavuga ko  
bavuga Izina Ryanjye ni rya Mama, ni rya Data.  
Ariko bamwe bagakurura bishyira, bacira abandi urubanza.  
Namwe muba muntera indi ntimba mu MUTIMA, kuko mwese MBATUYEMO,  
kubabyemera.

Bana banjye, ndifuza isengesho rikubiye mu gikorwa, rikubiye mu rukundo mutarebye  
iyo muva n'iyoye mujya, mutarebye idini murimo, ahubwo murebye icyo muri cyo  
mugashyira hamwe.

Bana banjye, Njya kubapfira sinatoranyije. Kuki mwebwe mubikora ?  
Kubera iki abihayimana bacikamo ibice kandi bahurira kuri ALITARI NTAGATIFU ?  
Nca bugufi cyane nkoroshya, nkirengagiza byose, NKAMANUKIRA MU MUGATI NA DIVAYI,  
ntarebye ibyo bari byo n'ibyo bakora, kugira ngo nsove benshi (*iri jambo SAUVER Yezu  
arivuze mu gifaransa*).  
Ntimugace imanza.

Nimugire ubumwe muri byose.

Bana banjye, isi iriho byinshi bibi, iriho byinshi bibi, iriho byinshi bibi.

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Mujye muhora mwiguye kuko mutazi umunsi n'igihe.

Kuko ibihe bikomeye biri hafi.

Ndababwira mugahinyura ibyo mbabwiye kubera ko uwo ntumye mumuhinyura.

Ugira Imana abona umuhana, umubwiza ukuri.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mbacira amarenga ntimwumve, ngasobanura ntimwumve, kubera ko imitima yanyu ifunze.

Musubize amaso inyuma, mu bihugu mwese muvukamo, birimo intambara, birimo inzara, birimo ibibazo binyuranye. Ese abari mu bihugu byanyu barishyimye? Cyangwa mwe murishyimye?

Bana banjye, munyumve neza.

Ntakibabaza, nko gupfusha ntuhambe.

Ntakibabaza, nko gupfusha ntubimenye.

Ntakibabaza, nko gupfusha ureba, ugakomeza ukagenda.

Ntakibabaje, nko gupfusha umwana ukajishura umujishi ukamusiga aho ukagenda.

Ntakibabaza, nko gusanga ibibondo biri mu migongo y'ababyeyi bapfuye.

Ari nk'abanyu mwabigenza mute?

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Ntakibabaza, nko kubona abagombye gufasha, kurengera, kwigisha urukundo, aribo batererana imbabare.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mbasubiriyemo, bana banjye, mwaribagiwe.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, mwongere murebe mu bihugu mwahungiyemo, ibyinshi byigishije Ijambo ry'Imana, none ubu ni byo bihakana, ni byo birigusubiza inyuma Izina ryacu.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, uzi kubyara umwana, ukamwonsa agakura, akakwihakana.

Ibi byose mbibabwiye kubera ko, hazaza igihe cy'itotezwa rikomeye cyane.



Hakabaho abacika intege bakihakana, abandi bagakomeza, abandi bakabizira.  
Mbese muzabishobora?  
Mbese muzabyemera, cyangwa muzatwihakana?  
Ese muzakomera ku GIHANGO NTIMUZAGITATIRA, mukivana mu GISHURA cyangwa muzacyizirikaho?

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mbibabwiye kugira ngo, musenge mutajegajega.  
Musenge isengesho rivuye ku mutima, atari mu magambo.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, uwo mbatumaho, ntawe ahatira kwemera.  
Avuga ibyo mutumye, n'ibyo Mama amutumye, ibindi ntibimureba.  
Muzabazwa ibyanyu. Azabazwa ko yatumwe, ntatumike.  
Nawe nzabimubaza, kuko azaba atinye amaso y'abantu, agakorera amaso, ntatumike ibyo twamutumye.  
Bana banjye, ibi mbibabwiye kubera ko, akenshi mukunda gucibwa intege n'abantu.  
Hakaba n'amatsinda y'amasengesho abannyega kuko mwagiye mu byo batemera.  
Bamwe mugatinya, kuvuga ukuri, ngo batamenya ko, mujya gusenga, mujya kumva ubutumwa, mujya muri groups (*gutyonyine*) aho badashaka.  
Ntawe ugura inshuti, inshuti uyihabwa n'Imana.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, ibyubakiwe ku nyungu, akenshi birasenyuka.  
Bana banjye, murebe igihe mwahereye, ababanga bose babakomotseho.  
Ntimugacike rero intege, kuko muri igiti kigira amashami: ayo mashami, ni yo yabakomotseho.  
Rozali ni akabando gakomeye.

Bana banjye, nkuko Mama abibabwira, Nanjye nkabibabwira, isengesho ryanyu ricubya imihengeri myinshi ije nabi.  
Imihengeri, ikagenda icika intege, bigatuma abantu babishyiramo kuko ibyo bashakaga kugeraho bitagenda uko babishakaga. Ntimugacike intege rero.

Bana banjye, hari abana benshi bagiye bakomeretswa n'abantu bakuru babaca intege.  
Mbibasubiriremo: uwemeza uwabonekewe, si we nabonekeye. Uwemeza ababonekerwa sinamubwiye umubare, sinamugishije inama, ntibakabace intege bababwira umubare washyizweho n'umwana w'umuntu.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** KUKI BATINYA KUVUGA KO NASUYE I KIHEBO MU RWANDA?  
KUBERA KO BAHISHE UKURI.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** NI HATO, NI HATO, ARIKO HAVUGISHA BENSHI (*hano, usemura yatinze kumva neza aho bavuga "hato" aho ari ho. Nuko Yezu asubiramo, ariko noneho abivuga mu gifaransa*). HATO, NI HATO, ARIKO HAVUGISHA BENSHI! C'est un endroit, mon enfant. C'est la pays, u Rwanda.

IBYO NAVUGIYE I KIBEHO BIRI HAFI KWEGEREZA.

Nimusenge cyane. Nimusenge, nimukundane.

Abwirwa benshi, akumva beneyo. Abwirwa benshi, akumva beneyo.

**VALENTINE:** Ibyo se bishatse ukuvuga iki ?

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, mwese birabareba.

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Nimushyire hamwe mwubake URUKIRAMENDE. Kuko abashyize hamwe ntakibananira.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe. Ariruhukije*).

**YEZU KRISTU:** Abo natumyeho, baba abategetsu, baba aba Kiliziya, hari abo natumyeho, nabo ndababuriye, nibadakora ibyo nababwiye.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Ibyo mbabwira ndabizi, kandi ndabibona.

Ubwo mperuka nababwiye ko Kiliziya irikwicamo ibice, Abera n'Abirabura.

Murumva byoroshye !

Iyi si irarwaye ! N'abayituye ni uko !

Niyo mpamvu nababwiye ko, ntazabatererana.

Mbabwira ko umwihereho, ari ukugira ngo mbakize, mbategure mbahe imbaraga kugira ngo mushobore gutsinda umwanzi shitani, mumutsinde.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Mugira amahirwe, kuko naboherereje igikoresho kibabara mu mwanya wanyu. Ariko mu bihe bizaza, namwe muzabyumvaho.

**VALENTINE :** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Ni ho muzamenya akamaro ke, mukazamwirukira mutakimubona.

Muhumure bana banjye.  
Ntimukagire ubwoba kandi ndikubagira inama.  
Nimwumve, murebe kure, mukore, mubone ukuri, mubone ubushishozi, mugire imbaraga zo gutsinda.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Bana banjye ndabashimiye, mwakoze kuza.

Bana banjye ndabashimira aho muri hose, mwigomwe ibyanyu mukaba munteze amatwi, abato n'abakuru, abakanuye n'abasinziye.

Murakagira abababyara.

Namwe murakagira abo mubyara.

Bana banjye uko mwasengaga muri iyi minsi, mukomerezeho kandi mugire imbaraga.

Rubyiruko, nimwisubireho musenge, musabe muzahabwa, mwicuze muzababarirwa, mushake muzaronka, ariko mwicika ku isengesho.

Mujye mu Misa, muhabwe UMUBIRI N'AMARASO BYANJYE, nzabarinda inzira zose.

Muranyumva neza ? Ndabatumye.

Namwe bakuru, ndabatumye.

Mwese muri Intumwa.

Mwigishe urukundo, kubabarira, ubwiyunge kuko ndifuza ko abantu bose, baba bamwe bagasarurira umugozi umwe.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Abakristu, abakristo, n'abandi, nimube bamwe kuko musenga UMWE.

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*). Urakoze Papa.

**YEZU KRISTU :** Bana banjye, ibyo mwacyemo byose n'ibiri mu mitima yanyu, ibyo mwifuzaga gutuma mutavuze, byose ndabibona, byose ndabizi n'ibyo mwanditse.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU :** Mwese ubutumwa bwanyu ndabwakiriye.

Bana banjye, aho muri hose, muri gukurikira, buri muntu wese ambwire icyo ashakaga mbateze amatwi.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, ndabashimiye.

Mwese mbahaye umugisha:

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*abikoze inshuro enye*).

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mpaye umugisha ibyo mwitwaje byose :

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*abikoze inshuro ebyiri*).

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye igisibo ntabwo kirangiye.

Umukristu ahora mu gisibo.

Iyi si ya none, ihoza mukababaro.

Bana banjye, mufite agahinda ku mutima, mwigira intimba, mwibabara, nimuruhuke.

Ababuze ababo ntimugaheranwe n'agahinda.

Abakomerekejwe n'abababajwe, ntimugahere mu gahinda kuko umwanzi aba ari cyo ashaka ko mubabara.

Bana banjye, isengesho ryanyu rikubirwe mu bikorwa.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Musabe muzahabwa, mushakashake muzaronka.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Bana banjye, na Mama arabasuhuza.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Nizere ko mugeze kure, MUKUBURA IMBUGA Y' AHO AZACA.

**VALENTINE:** IMBUGA se bivuze iki ? Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Iwacu bavuga ngo ni ugukubura mu rugo cyangwa ku irembo.

IMBUGA se ni iki ?

Iburayi ntabakubura. Hano bamena amazi. Hano bamena amazi.

Kereka niba ari ugukoropa. Gukubura IMBUGA!

Bakumvise baguseka. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Kereka nimba ari imitima yacu. Naho IMBUGA!

Uva mu nzu, ujya mu muhanda. None se IMBUGA! Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Ndabyumvise.

Kumwitegura. Muzazana?

Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Azasanga twisukuye, azasanga twisukuye, dukeye.

Tuzajya mu ntebe ya Penetensiya, tuzambara neza, azasanga twiteguye.

Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Ntabwo ari ibyo? (*arasetse*).

Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*). Tuzabikora. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

Tuzabikora. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).  
Tuzabikora. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).  
Nimubimpfashamo.

Tuzahabona. Bizaba uko ubishaka. Bumviriza kubi! Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).  
Ntibyoroshye. Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).  
Murakoze.

**YEZU KRISTU:** Bana banjye mfite akazi kenshi, ndatashye.

**VALENTINE :** Si iminota itatu ! Iwacu turanarara, tukarya.  
Mushobora gusanga na bo bandi banatashye. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).  
Bahora bihuta. Tuvuge make.  
Murakoze.

**YEZU KRISTU :** Bana banjye, mbahaye imbaraga n'ubutwari, kugira ngo muzarwane mutsinde umwanzi. Ariko munyumve neza, ntimuzapfushe ubusa.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Ushaka inka, aryama nkayo.

**VALENTINE:** Hi. Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mbashimiye ubutwari bwo kwigomwa ibyanyu mukaza.  
Mbahaye umugisha:  
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Mpaye umugisha abo mwasize mu rugo, abarwayi, abanyantege nke, abahakanyi,  
n'abandi bose mwitangiye.  
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Mpaye umugisha abazakurikiza ubutumwa bose.  
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Mpaye umugisha abazabusomerwa.  
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Mpaye umugisha abazabushyira mu bikorwa.  
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Bana banjye, isengesho ryanyu narihagarikiye hagati, mukomeze aho mwari mugereje ku iyibukiro rya gatatu mu ishapule y'ishavu. Nimba mwahibagiwe.

**VALENTINE:** Hi (*arikirije ku cyo abwiwe*).

**YEZU KRISTU:** Mwana wanjye naciye mw'ijambo komeza aho warugeze.  
Niyubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka,  
niyubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina (*inshuro eshatu*).

**VALENTINE:** Urakoze Papa.  
Uramukeho.

*Gufata amajwi no kwandukura ubutumwa:*

*Francoise BONDUELLE et Léoncie KANTAMAGE*

*Gusubiramo imyandikire:*

*Jean-Baptiste HATEGKIMANA.*